EVECHE DE KABGAYI

B.P. 66 Muhanga (Gitarama)
Rwanda

# INYIGISHO YO KU MUNSI MUKURU WA NOHELI 2019

*✠ Smaragde MBONYINTEGE, Umushumba wa Kabgayi*

***Amasomo ya Misa:***

*Misa yo ku mugoroba : Iz 61, 1-5; Intu 13, 16-17.22-25; Mt 1, 1-25*
*Misa yo ku manywa: Iz 52, 7-10; Heb 1, 1-6; Yh 1, 1-18*

## "Nuko bazamwite Emanuweli, ari byo kuvuga ngo Imana turi kumwe" *(Mt 1, 23)*

Bakristu Bavandimwe,

1. Yezu Kristu watuvukiye, umuhanuzi Izayi yari yaramuramukirije kure nk'uzabyarwa n'umukobwa w'isugi, **maze bakazamwita Emanuweli** *(Iz 7, 14)*. Ubu buhanuzi bwongeye gushimangirwa n'Ivanjili Ntagatifu uko yanditswe na Matayo *(Mt 1, 23)*; ndetse yongeraho n'igisobanuro cyabyo ko ari **Emanuweli "Imana turi kumwe"**. Ubu buhanuzi bwujujwe by'intangiriro muri twe ubwo Mariya yavugaga ati "Ndi umuja wa Nyagasani, byose bimbeho nk'uko ubivuze" *(Lk 1, 38)*. Nuko Jambo yigira Umuntu abana natwe *(Yh 1, 14)*. Byongera kuzuzwa noneho by'umusozo ubwo Yezu Kristu yavugaga, ari ku musaraba, ati "Birujujwe" *(Yh 19, 30b)*. Ubu tukaba turimo kwizihiza ibyo Imana ubwayo yateguriye abantu, kandi ikabyuzuza muri Yezu Kristu. Twebwe ubu tukaba turi mu rugendo rw'ukwemera ngo twuzuze muri twe no muri iyi si yacu ibyo Yezu yujuje, kandi nubu tubikora ari kumwe natwe.

Bakristu Bavandimwe,

2. Imana yaremye isi n'ibiyiriho byose. Ku isonga ry'ibyo yaremye ihashyira umuntu; "ibarema ari umugabo n'umugore" *(Intg 1, 27)*. Ibaha ububasha bwo kubyara abana no kugenga iyi si. Hari ubwo abantu baharanira ibyo byombi, bakibagirwa uwabiremye, akabibaha. Ubushake bw'Imana bwo gukiza isi iciye ku muntu ntibwigeze bugamburuzwa n'icyaha cya Adamu na Eva *(Intg 3, 15),* cyangwa se n'amarorerwa ya Sodoma na Gomora *(Intg 19, 1-2)*. Bwakomeje kwigaragaza ku buryo bwinshi. Niba Imana yaratoye Abrahamu n'urubyaro rwe hakavamo umuryango wa Israheli, uko Bibiliya Ntagatifu ibitubwira, ntibwari ubutoneshwe bwigizayo abandi; ahubwo bwari ubutore bugamije ubutumwa ku mahanga, bushingiye ku butungane Israheli itashoboye iteka gusohoza uko bikwiye. Imana yabonaga intege nke za Israheli, kimwe n'uko ibona izacu ubungubu, yakomeje kuyiba hafi ikoresheje abahanuzi bagarukaga cyane ku butumwa bwa Israheli bwo kumenyesha



Tél. : +250 252 562 103
+250 252 562 104
+250 788 828 516
+250 784 915 214
+250 788 516 346

Website: www.diocesekabgayi.org
E-mail : dkabgayi@gmail.com
vgkabgayi@yahoo.fr

amahanga yose Imana y'ukuri; ibafiteho umugambi wo kubakiza. Iyo usomye Zabuli hafi ya zose usanga umugambi ari uwo.

Reba Zabuli 66 aho igira iti:

*Mahanga yose nimusingize Imana*
[2]*Muririmbe ikuzo ry'izina ryayo*
*Muyikuze muvuga ibisingizo byayo...*
[4]*Abatuye isi yose bapfukamye imbere yawe [Mana]*
*Bakagucurangira baririmba izina ryawe.*

Nanone muri Zabuli 67:

[2]*Imana nitubabarire, maze iduhe umugisha,*
*Itwereke uruhanga rwayo rubengerana,*
[3]*Kugira ngo ku isi bazamenye ko ari wowe ugenga [byose]*
*N'amahanga yose amenye ko ari wowe ukiza.*
[4]*Mana yacu, imiryango yose nigusingize.*

Uyu mugambi, tubikesheje Yezu Kristu, wagezweho; ariko kandi uracyakomeza. Kumenya Yezu Kristu nk'Umukiza wacu, no kumumenyesha abatamuzi cyangwa se abamuzi nabi ni inshingano zacu nk'abakristu.

3. Mu Ivanjili ntagatifu yo muri iri joro rya Noheli uko yanditswe na Matayo, tubonamo inkomoko ya Yezu watuvukiye. Hagenda hazamo abagore b'abanyamahanga binjira mu gisekuruza cya Dawudi na Yezu, Umwana wa Dawudi. Abo ni Tamara wabyaranye na Yuda; Salimoni wabyaye Bowozi (sekuru wa Dawudi) kuri Rahabu, inshoreke y'i Yeriko; Bowozi wabyaye Yobedi kuri Ruta w'umumowabitekazi; na Dawudi wabyaye Salomoni ku mugore wa Uriya w'umuhititi. Aba bagore, nubwo harimo n'abatari bitwaye neza uko tubyumva muri iki gihe, ariko hari umuco mwiza Imana yababonagaho utuma ibinjiza mu bisekuruza bya Yezu. Bari kandi n'incamarenga ya Yezu warimo kugenda atwegera ngo n'amahanga yose azamwiyumvemo nk'umucunguzi wa bose.

4. Pawulo Mutagatifu, mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Intumwa twumvise, muri iri vuka rya Yezu, yibutsa indahiro Imana yagiriye Dawudi *(2 Sam 7, 12-14),* ko izakura mu nzu ye umwami uzagenga Israheli n'amahanga. Dawudi na we, mu buhanuzi bwe, yarabyishimiye nubwo atabonaga neza icyo Imana iteganya muri Kristu Yezu. Asenga agira ati "Uhoraho Mana yanjye, ijambo wavuze ku mugaragu wawe n'urubyaro rwe urikomeze iteka, kandi urirangize uko wabyivugiye" *(2 Sam 7, 25).* Nyamara Pawulo Mutagatifu arabivuga nk'ubuhamya ko byujujwe muri Yezu Kristu.

   Ni byo Malayika wa Nyagasani yabwiraga Yozefu ati "Witinya kuzana umugeni wawe Mariya, kuko yasamye ku bwa Roho Mutagatifu. Azabyara umwana uzamwite Yezu, kuko ari we uzakiza umuryango ibyaha byawo" *(Mt 1, 20-21).* Ubu butumwa bwa Malayika buruzuza neza ubuhanuzi bwa Izayi nanone Ivanjili ya Matayo yibutsa kandi igasobanura, ngo "Dore umukobwa w'isugi agiye gusama inda maze azabyare umuhungu, nuko bazamwite Emanuweli, ari byo kuvuga 'Imana turi kumwe'" *(Mt 1, 23).*

5. Mu ivuka rya Yezu amavanjili araduha ibimenyetso bidufasha kwumva ibanga rya Kristu Yezu watuvukiye n'iyuzuzwa ry'umugambi we wo kugera no ku banyamahanga basaga n'abahejwe n'abayisraheli. Hari abamalayika n'abashumba, nk'ibiremwa byoroheje, baje ku isonga, nyuma ya Mariya na Yozefu, mu guha Imana ikuzo n'icyubahiro kuri uwo Mwana watuvukiye. Nyuma baza kunganirwa n'abakashakashatsi b'Imana tuzi ku izina ry'abami bavuye iyo gihera, bamurikiwe n'inyenyeri, bakaza kuramya Umwami-Imana watuvukiye. Muri bo, ni amahanga yari yahagurutse. Kristu Yezu wavutse kandi wapfuye akazuka, azagera kuri bose. N'utamuyoboka azaba yarumvise bamuvuga nibura rimwe. Nibwo butumwa bwacu abemeye: kwamamaza Kristu Nyagasani ushaka ko abantu bose bamenya Imana bagakira.

Bakristu Bavandimwe,

6. Amaza ya Kristu wa Nyagasani muri twe si ayo gushidikanywaho no kugibwaho impaka z'urudaca. Ni Inkuru Nziza yo kwakirana ukwicisha bugufi n'ukwiyoroshya, ugahera ku byo Imana yaguhaye: kuba uriho, uhagaze, uyisenga, ukizera ibyo yagusezeranyije. N'iyo waba uri mu ngorane n'agahinda bitabura muri iyi si, ariko ntihakagire ikigutandukanya na Kristu Yezu, Imana muri twe, umuremyi n'umukiza wawe.

Bavandimwe nkunda,

7. Turakora umunsi mukuru wa Noheli mu mwaka twagize umwihariko w'Ukaristiya Ntagatifu: ni umwaka mpuzamahanga w'ikoraniro ry'Ukaristiya. Ndagira ngo duhuze, mu kwemera kwacu, aya magambo y'umuhanuzi Izayi kuri Emanuweli 'Imana turi kumwe' n'ibanga rya Noheli n'Ukaristiya Ntagatifu ibihuza byose.

Ibihe n'amateka birahita, ibindi bikaza, ariko Ijambo ry'Imana rigumaho, kandi icyo rivuze kikabaho. N'iyo bitinze, ariko birasohora. Ibi tubihuza n'iri jambo bwite rya Yezu Kiliziya yagize isonga ry'imibereho n'imibanire ya Yezu, "Jambo wigize umuntu akabana natwe" *(Yh 1, 14)*, natwe ubwacu nk'abamwemeye. "Araye ari budupfire, uko yagakunze abe bari munsi, yongera kubakunda byimazeyo" *(Yh 13, 1)*. Nuko afata umugati na divayi abiha umugisha, abwira abigishwa be ati: "Nimwakire murye iki ni umubiri wanjye ubatangiwe". Afata na Divayi ati "Nimwakire munywe, aya ni amaraso yanjye amenwe kubera ibyaha bya benshi". Asoza agira ati **"Ibi mujye mubikora munyibuka"** *(Lk 22, 17-20* na *1Kor 11, 23-26)*.

Nguwo Jambo wigize umuntu akabana natwe, akagumana natwe m'Ukaristiya ntagatifu. Nguwo Kristu Yezu, Emanuweli, Imana muri twe. **"Ibi mujye mubikora munyibuka"**. Ndabisubiramo, bakristu bavandimwe, **"Ibi mujye mubikora munyibuka":** mu mibereho ye hano ku isi, Yezu yakoze ibya ngombwa kugira ngo twumve icyo Imana idushakaho, cyakomeje kugaragazwa n'abahanuzi ku buryo ncamarenga. Yezu we yarabyikoreye, mu mugati na divayi yavugiyeho ariya magambo ye. Yararemye bundi bushya, arema Ukaristiya ngo izatubere urwibutso rwe, idutunge twibuka urupfu n'izuka rye bitwaye ubutumwa bwose bw'ugucungurwa kwacu. Ntukimirwe n'ubuto n'isura by'Ukaristiya uhabwa, ahubwo, uciye mu irembo ry'ukwemera, ujye wibuka ya Mana mubana ku buryo butagaragarira amaso yawe, **maze wibuke: wibuke Yezu Kristu**, Jambo wigize umuntu akabana natwe, tukibonera ikuzo rye *(Yh 1, 14)*.

Bakristu bavandimwe,

8. Iyo twibuka Yezu Kristu, Emanuweli 'Imana turi kumwe', dushyira imbere Ukaristiya Ntagatifu kubera uko Kristu Yezu yayiduhaye n'igisobanuro yayiherekesheje: **"Ibi mujye mubikora munyibuka"**. Ukaristiya ntagatifu iri ku isonga mu kutwumvisha ubwitange bwa Kristu no mu kugaragaza ububasha n'ubushake Imana ifite mu kudukiza. Ariko niba dushaka kumva ubuhangange bwayo n'ubushobozi idufiteho, nitwakirane ukwemera amateka y'ukuremwa n'ugucungurwa kwacu. Nta c yakozwe kandi nta n'ikizakorwa Yezu Kristu atabirimo, We na Roho Mutagatifu yaduhaye; dore ko Roho uyu ari We ukomeza kunoza, mu mitima yacu no mu makoraniro y'abamuyoboka, icyokere cy'urukundo n'ineza y'umubano wacu na Kristu Yezu, Emanuweli 'Imana turi kumwe'.

Bakristu bavandimwe,

9. Muryango w'abemera Yezu Kristu muri i Kabgayi, uyu mwaka turimo, ufite isura yawo izawuranga mu mibanire yacu na Kristu Yezu. Ni umwaka w'Ukaristiya uzarangwa n'inyigisho n'ibikorwa bitandukanye byo guhamya ukwemera kwacu. Tuzawusoza ku munsi mukuru w'Isakramentu ritagatifu, nyuma y'ibikorwa ababishinzwe bazadufashamo. Ndagira ngo mbibutse aya magambo meza dufite mu ibaruwa ya gishumba ya Papa Yohani Pawulo wa II yitwa "*Ecclesia de Eucharistia*" ( Kiliziya ibeshejweho n'Ukaristiya). Aragira ati: "Guhozaho Igitambo cya Kristu m'Ukaristiya no guhabwa umubiri n'amaraso bye, bituma Kiliziya ihabonera imbaraga ikeneye, ngo yuzuze ubutumwa bwayo. Bityo Ukaristiya ikaba isoko n'isorezo ry'Iyogezabutumwa, kuko icyo igamije ari ubumwe bw'abantu bose muri Kristu, hamwe n'Imana Data na Roho Mutagatifu" *(Ecclesia de Eucharistia n°22)*. Mukristu muvandimwe, hugukira Ukaristiya ntagatifu utura hamwe n'umusaserdoti kandi usangira na bagenzi bawe mu bumwe n'ubwitange kubera Kiliziya.

10. Muri uyu mwaka na none hari "*Forum*" y'urubyiruko izabera i Kabgayi ku rwego rw'igihugu, mu matariki ya 22-26 Nyakanga 2020. Ni igikorwa cya Diyosezi yacu. Ndabasaba kukigiramo uruhare. Hari inkunga zinyuranye tuzabasaba, kugira ngo dufashe urubyiruko rwacu kwakira urundi rubyiruko. Niba ari abana bacu nk'umuryango w'abakristu uri i Kabgayi tubafashe kubaka ubumwe n'imico myiza bijyana, bishingiye ku bumuntu n'ubukristu. Babyeyi, Bayobozi mu nzego zinyuranye, barezi b'urubyiruko namwe baturanyi bacu mu yandi madini n'amatorero, tubararikiye kudufasha kuzakira neza urubyiruko, kubacumbikira no kubatunga; tutibagiwe n'abazabafasha mu mahugurwa. Birasaba imbaraga n'ubufatanye bya twese.

Muzagire Noheli nziza n'umwaka mushya muhire, kandi Nyagasani Yezu abane namwe.

**Bikorewe i Kabgayi, kuwa 24 Ukuboza 2019**

SMARAGDE MBONYINTEGE EPISCOPUS KABGAYIENSIS

**✠Smaragde MBONYINTEGE**
**Evêque de Kabgayi**